Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

Ref. N°4130/07.01.06/17

Kigali, ku wa 13/02/2017

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge
KIGALI

Impamvu: Gusubiza imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yateranye ku wa 31/01/2017

Bwana Muyobozi w'Inama Njyanama,

Duhereye ku baruwa yanyu n° 35/Njy/07.01.01/17 yo ku wa 8/2/2017 mwatwandikiye mutugezaho imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yateranye ku wa 31/01/2017;

Nyuma yo gusuzuma ibikubiye mu baruwa mwatwandikiye yavuzwe haruguru, twasanze imyanzuro yose yafashwe ikwiye gushyirwa mu bikorwa, tukaba tubasaba kubyihutisha hubahirizwa ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza mwatugaragarije.

Mugire amahoro n'Akazi keza

BUSABIZWA Parfait
Umuyobozi Wungirije w'Umujyi wa Kigali
ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Nyarugenge
  KIGALI.

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYARUGENGE YATERANYE TARIKI YA 31/01/2017

I. IRIBURIRO

Ku wa kabiri tariki ya 31/01/2017, mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Bwana MUTSINZI Antoine. Iyi nama yari yitabiriwe n'abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere ka Nyarugenge .

II. ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA

1. Umujyanama MUTSINZI Antoine
2. Umujyanama KAJIWABO MUPENDA Joseph Poers
3. Umujyanama MUKANKUSI Léonille
4. Umujyanama BATETA Jeanne
5. Umujyanama BISHOKANINKINDI Dawudi
6. Umujyanama HABARIMANA Chantal
7. Umujyanama KABANO Jacqueline
8. Umujyanama KANANGA Richard
9. Umujyanama KAYISIME NZARAMBA
10. Umujyanama MUHUTU Gilbert
11. Umujyanama MUKAMUGEMA Jeanine
12. Umujyanama MUKARUKIZA Felister
13. Umujyanama MUKASHYAKA Immaculée
14. Umujyanama MUKAYIRANGA Georgine
15. Umujyanama MWENZANGU Laurent
16. Umujyanama NIWEMUGENI Prudence
17. Umujyanama NDAYISENGA Jean Marie Vianney
18. Umujyanama NSABIMANA Védaste
19. Umujyanama NYIRASHYIRAMBERE Marie Josée
20. Umujyanama RUTABINGWA Fernand

III. ABAJYANAMA BATITABIRIYE INAMA BAFITE IMPAMVU

1. Umujyanama BUSERUKA Omer Luc
2. Umujyanama KAYIRANGA Eric
3. Umujyanama Dr NYAMUSORE MWANZA José

Inama yatangiye haririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira buri wese wayitabiriye, aboneraho n'umwanya wo gusaba Umunyamabanga w'Inama Njyanama kwibutsa Abajyanama ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa ari zo zikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 15/01/2017;

2. Kugezwaho igisubizo cy'Umujyi wa Kigali ku myanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 15/01/2017;

3. Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye inyandiko zikurikira :

    a. Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge igihembwe cya II 2016-2017;

    b. Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017.

IV. GUSUZUMA INGINGO N'IMYANZURO YAFASHWE

<u>Ingingo ya mbere</u> : Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 15/01/2016.

Umwanzuro nº 119/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge imaze gusuzuma inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 15/01/2017 yarayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

<u>Ingingo ya kabiri</u>: Kugezwaho igisubizo cy'Umujyi wa Kigali ku myanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 15/01/2017.

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama ibikubiye mu ibaruwa nº 3867/07.01.06/17 yo ku wa 27/01/2017 Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge asubiza ku myanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 15/01/2017, asaba ko imyanzuro yafashwe ikwiye gushyirwa mu bikorwa hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza, uretse umwanzuro nomero 115/01/2017 urebana no gushyira mu mwanya Bwana HATEGEKIMANA Fred ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere. Umujyi wa Kigali wagiriye inama Akarere ka Nyarugenge yo kubanza kugisha inama Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo kugira ngo harebwe niba ibiteganywa na Sitati Rusange y'abakozi ba Leta byarubahirijwe.

<u>Ingingo ya gatatu</u> : Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye inyandiko zikurikira :

a. Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge igihembwe cya II 2016-2017;

b. Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017.

Umwanzuro nº 120/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye inyandiko zavuzwe haruguru.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

a) Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge igihembwe cya II, 2016-2017.

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yagejejweho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge igihembwe cya II, 2016-2017 iyitangaho ibitekerezo kandi ishima ko iteguwe neza ifata umwanzuro ukurikira :

Umwanzuro nº 121/01/2017

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge igihembwe cya II, 2016-2017 imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Icyitonderwa : Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge igihembwe cya II, 2016-2017 ishyizwe ku mugereka w'iyi myanzuro.

b) Umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge, umwaka wa 2016-2017.

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Bashingiye ku Itegeko Ngenga N°12/2013OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta;

Bashingiye ku Itegeko Nº 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iya 5, iya 57, iya 58, iya 60, iya 61, iya 62 n'iya 63;
Bashingiye ku Itegeko N°87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 ryerekeye imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage

Bashingiye ku Iteka rya Perezida N°25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze cyane cyane mu ngingo ya 3;

Bashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Bashingiye ku ngengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge y'umwaka 2016-2017 yemejwe n'inama y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 30 Kamena 2016;

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge, mu nama yabo idasanzwe yo ku wa 31 Mutarama 2017, bamaze kugezwaho ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge y'umwaka 2016-2017 no kuyitangaho ibitekerezo bemeje imyanzuro ikurikira:

<u>Ingingo ya mbere</u> : Amafaranga ateganijwe kwinjira

Umwanzuro nº 122/01/2017

Hakurikijwe imbonerahamwe "A" ikurikira, amafaranga ateganijwe kwinjira mu Ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge mu gihe cy'umwaka wa 2016/2017, ahwanye na miliyari cumi n'esheshatu, miliyoni magana ane na mirongo inani n'icyenda ibihumbi magana inani na mirongo itanu na bibiri n'amafaranga makumyabiri n'icyenda y'u Rwanda(**16,489,852,029Frw**).

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe gusohoka

Umwanzuro nº 123/01/2017

Hakurikijwe imbonerahamwe **"B"** ikurikira, amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge mu mwaka wa 2016/2017 ahwanye na miliyari cumi n'esheshatu, miliyoni magana ane na mirongo inani n'icyenda ibihumbi magana inani na mirongo itanu na bibiri n'amafaranga makumyabiri n'icyenda y'u Rwanda (**16,489,852,029 Frw**).

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 3: Uburinganire bw'ingengo y'imari y'Akarere

Umwanzuro nº 124/01/2017

Hakurikijwe imbonerahamwe **"C"** Abajyanama bemeje uburinganire bw'ingengo y'imari y'Akarere yinjira n'isohoka buhurijwe hamwe.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 4: Amahame agenga ingengo y'imari y'urwego rw'ibanze

Umwanzuro nº 125/01/2017

Hakurikijwe uburyo bw'ihuzwa ry'ibigize ingengo y'imari rusange y'Akarere n'amahame ategeka ko ingengo y'imari ihurizwa hamwe, igakoreshwa mu mwaka umwe kandi ikagaragaza ibizinjira n'ibizakoreshwa byose, ingengo y'imari y' urwego rw'ibanze ihuriza hamwe amafaranga yinjizwa n'Akarere ubwako, inkunga ziva mu Butegetsi Bwite bwa Leta, amafaranga y'abaterankunga ndetse n'amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe n'igenewe gushorwa mu mishinga y'iterambere.

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje amahame agenga ingengo y'imari y'Akarere ka Nyarugenge.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 5: Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ku rwego rw'ibanze

Umwanzuro nº 126/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ari we Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ku rwego rw'ibanze.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 6 : Gahunda irambuye yo gukoresha ingengo y'imari y'umwaka.

Umwanzuro nº 127/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko mu nzego z'ubutegetsi bw'ibanze, iyo ingengo y'imari yamaze gutorwa, Umuyobozi wa Komite Nyobozi mu butegetsi bw'urwego rw'ibanze amenyesha inzego zemerewe ingengo y'imari, agafatanya na zo gutegura gahunda irambuye y'uko ingengo y'imari izakoreshwa.

Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze, abyumvikanyeho n'abandi bagize Komite Nyobozi y'urwo rwego, atanga uburenganzira bwo gukoresha amafaranga akurikije uko amafaranga yinjira n'uko asohoka na gahunda z'ibigomba kwitabwaho mbere y'ibindi.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 7: Gukoresha amafaranga adateganyijwe.

Umwanzuro nº 128/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko bibujijwe gukoresha amafaranga adateganyijwe mu ngengo y'imari aho yava hose.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 8 : Ifatwa ry'icyemezo cyo kwishyura

Umwanzuro nº 129/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko nta mafaranga yishyurwa, hatabanje gufatwa icyemezo mbere kigaragaza ko azishyurwa.

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Akarere agomba kugenzura ko inyemezabuguzi zose zakiriwe n'Akarere zikandikwa mu bitabo byabigenewe mu gihe kigenwe, akanashyikiriza Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo impapuro zisaba ko zishyurwa, itariki yo kwishyura itararenga.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 9: Ububasha bwo kuguza mu nzego z'ubutegetsi bw'ibanze

Umwanzuro nº 130/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko mu nzego z'ubutegetsi bw'ibanze, Inama Njyanama y'Akarere ishobora gufata gusa imyenda yo gushora mu mishinga y'amajyambere hakurikijwe itegeko rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'uturere n'Umujyi wa Kigali n'ikoreshwa ryayo.

Inzego z'ubutegetsi bw'ibanze ntizifite ububasha bwo gutanga no kwemeza ingwate z'inguzanyo ku mutungo rusange wazo.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo 10 : Itangwa ry'uburenganzira bwo kwimura amafaranga avanwa ku ngingo ajyanwa ku yindi mu nzego z'ibanze.

Umwanzuro nº 131/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko ku bireba inzego z'ubutegetsi bw'ibanze, afatanyije na Minisitiri ufite inzego z'ubutegetsi bw'ibanze mu nshingano ze n'abahagarariye inzego z'ubutegetsi bw'ibanze, Minisitiri ufite imari mu nshingano ze agena imirongo mikuru yerekeye uburyo bukoreshwa mu kuvana amafaranga ku ngingo ashyirwa ku yindi mu ngengo z'imari z'inzego z'ubutegetsi bw'ibanze. Inzego z'ubutegetsi bw'ibanze zishyiriraho amabwiriza agenga ibyo kwimura amafaranga ku ngingo z'ingengo y'imari ajyanwa ku zindi.

Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kwimura amafaranga ku ngingo uyashyira ku zindi ntibyemewe hagati y'ingingo z'imishahara n'ibijyana nayo n'ibindi byiciro by'ingengo y'imari isanzwe keretse byemejwe n'Inama Njyanama y'urwo rwego rw'ubutegetsi bw'ibanze.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 11: Ihagarikwa ry'uburenganzira bwo kwishyura n'ubwo gushora amafaranga

Umwanzuro nº 132/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko kuriha amafaranga agenwe mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2016/2017 byemewe kugeza ku itariki ya 30/06/2017, ariko kwemererwa uburenganzira bwo gushora amafaranga azakoreshwa bihagarikwa kuva ku wa 15 Gicurasi k'uwo mwaka, keretse bitangiwe uruhushya rusobanura impamvu yabyo na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Ingingo ya 12: Ingingo z'amategeko zivanwaho

Umwanzuro nº 133/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko ingingo zose z'amategeko n'ibyemezo zibanziriza iki cyemezo kandi zinyuranyije nacyo zivanyweho.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

<u>Ingingo ya 13</u> : Igihe icyemezo gitangira gukurikizwa

Umwanzuro nº 134/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko iki cyemezo gitangira gukurikizwa Inama Njyanama y'Akarere imaze gutora ingengo y'imari y'Akarere kigashyirwaho umukono n'abagize Biro y'Inama Njyanama (Umunyamabanga n'Umuyobozi w'Inama Njyanama) kandi kikanatangazwa. Gifite agaciro nk'ak'icyemezo gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere guhera ku itariki ya 31 Mutarama 2017.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

<u>Ingingo ya 14</u>: Itegurwa n'isuzumwa ry'iki cyemezo.

Umwanzuro nº 135/01/2017
Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko iri Tegeko ryateguwe risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Umwanzuro nº 136/01/2017

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge bemeje ko ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyarugenge y'umwaka 2016-2017 ihwanye n'amafaranga **miliyari cumi n'esheshatu, miliyoni magana ane na mirongo inani n'icyenda, ibihumbi magana inani na mirongo itanu na bibiri n'amafaranga makumyabiri n'icyenda y'u Rwanda (16,489,852,029Frw).**

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama makumyabiri kuri makumyabiri (20/20) bari mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge.

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00') iyisoza saa tatu z'ijoro (21h00).

Bikorewe i Nyarugenge, ku wa 31 Mutarama 2017.

Umwanditsi w'inama:

MUKANKUSI Léonille
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka
Nyarugenge

Umuyobozi w'inama

MUTSINZI Antoine
Umuyobozi w'Inama
Njyanama y'Akarere ka
Nyarugenge